# Ese mbereke ibyatuma Allah abababarira ibyaha byanyu, ndetse akanabazamura mu ntera?

Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Ese mbereke ibyatuma Allah abababarira ibyaha byanyu, ndetse akanabazamura mu ntera? Barayisubiza bati: Yego yewe Ntumwa y'Imana! Nuko irababwira iti: "Gutawaza neza mu bihe bigoye, no gutera intambwe nyinshi ugana ku musigiti, no gutegereza iswalat nyuma y'iyindi; ibyo muzabe ari byo mukomeraho."

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabajije abasangirangendo bayo niba bashaka ko ibereka ibikorwa bazakora bikaba impamvu yo kubabarirwa ibyaha, no gusibwa mu bitabo byanditsemo, ndetse no kuzamurwa mu ntera z'ijuru? Abasangirangendo barayisubiza bati: Yego turabishaka! Nuko irababwira iti: Icya mbere: Ni ugutawaza neza ubitunganya mu bihe bigoye nk'imbeho, cyangwa se amazi ari ingume, cyangwa se uburibwe ku mubiri, cyangwa se amazi ashyushye. Icya kabiri: Ni ugutera intambwe nyinshi ujya ku misigiti itakwegereye, no kubikora kenshi. Icya gatatu: Ni ugutegereza iswalat, no kuyitekereza ku mutima, no kuyitegura, no kwicara mu musigiti uyitegereje kugira ngo uyisali hamwe n'abandi, yamara kuyisali agahama aho yasariye ategereje iyindi. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije igaragaza ko ibi imaze kubabwira ari byo bakwiye gukomeraho, kuko ari byo byugarira inzira za Shitani ku mutima, bikanatsinda irari, bikanayibuza ibishuko; bityo abari mu itsinda rya Allah nibyo bifashisha batsinda Shitani n'ingabo ze; ibi bikaba ari nabyo byo guharanira inzira ya Allah mu buryo bukomeye (Djihadul Akbar); bityo bikaba bimeze nk'ibirindiro ingabo zihamamo zikaba maso igihe ziba zihanganye n'umwanzi.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee